# 391: Kugeza gupfa, tuzakuyoboka

1.

Kugeza gupfa, tuzakuyoboka: Kugeza gupf' ur' Umwami wacu. Duhagaritswe kw ibendera yawe ;Tuzahapfira tukwiringiye.

Ref:

Kugeza gupfa, turwan' intambara; Ni kw ingabo z'Umwami zinesha; Kugeza gupf' Umusaraba wawe N' Ibendera yac' abacunguwe.

2.

Kubwawe, Yesu, ni byiza kubaho; Inzira yaw' iratworohera. Ni nde wakwanga kugukurikira,Wowe, Mukiza wadupfiriye?

3.

Kugeza gupfa, dutegekwe nawe. Ubw' uriho, tuzabaho natwe ! Wumviy' Imana, ntiwanga no gupfa, Ndets' udupfira n'urupfu rubi.

4.

Mukiz' uz' intege nke zacu rwose; tuzi ko twagwa mu nzira yacu, N' utaza gusohoz' isezerano.Ryo kuturengera, tukiriho

5.

Umwuka waw' udushorer' iteka,Kand' imitima yac' iwumvire, Ngo tub' ubwoko bwaneshej' urupfu Kubwawe, Yesu wadupfiriye!

Visit us at indirimbo.com